# ITANGAZO N° 10
# RYA RESIDENT SPECIAL W'U RWANDA

**Banyarwanda,**

Ili tangazo mboherereje uyu munsi ligomba kuvuga ibyerekeye indi midugararo yabaye muli teritwari ebyili z'u Rwanda, ibyo birababaje. Birambabaje cyane kugira ngo ngombe kwongera kuvuga ibyerekeye imidugararo kandi bitali bikivugwa kuva kw'itangazo ryanjye rya mbere nabwiye rubanda, ryo ku wa 23 novembri.

Mu ntara za Buberuka, Rukiga, Buyaga na Ndorwa, zo muli teritwari ya Byumba, abanyarwanda bahagurukiye abandi banyarwanda, barabirukana, bangiza ibintu byabo.

Ibyo byabaye ku wa 5 marsi, byongera kuba ku wa 9 w'uko kwezi.

Muli teritwari ya Gitarama, ku cyumweru taliki 13 marsi, abantu bali baje kuramutsa intumwa z'Abibumbye zavaga i Gitarama zigana i Kigali, bagiranye ubukubanya n'abategetsi ba Leta n'abasilikare babatera amabuye kandi babakubita inkoni.

Muli izo teritwari zombi hali abapfuye n'abakomeretse.

Impagarara zo muli teritwari ya Gitarama zatewe n'inteko y'abantu bali bamaze gukabuka, balimo abasinze.

Ibyo ngiye kubabwira mbyibanzeho, uyu munsi, ni ibyabereye i Byumba ; kuko biteye igice cy'abaturage gushyamirana n'ikindi bundi bushya, biteye abahutu kwongera gushyamirana n'abatutsi.

Nk'uko byagaragaye igihe cyose impagarara zabaye mu gihugu, iz'i Byumba zatewe n'impuha z'umusubizo zamamajwe nkana kugira ngo zihagurutse rubanda, zitume bakora ibyo batali kwitabaza ikindi gihe.

Impamvu ya mbere y'imidugararo isa n'aho yaturutse ku mpapuro zamamajwe n'abanyarwanda bimukiye i Buganda, cyangwa bahungiyeyo. Izo mpapuro zasinywe n'« Abanyarwanda bali i Buganda ».

Muli izo mpapuro bavugaga ko u Rwanda ruzabona ubwigenge mu kwezi kwa gatanu, bakavuga ko abategetsi b'ababiligi bazagenda, bakavuga ko abashefu n'abasushefu bavaniweho ubusa, bakavuga ko abatware b'amashyaka b'abahutu ali bo bateye imidugararo yo mu kwa novembri, bakagira rubanda inama yo kumenyesha ibyongibyo intumwa z'Abibumbye; bavugaga ko zije kuko Rwagasana yabisabye.

Abatutsi bamwe bo muli teritwari ya Byumba, bamaze gukaburwa n'izo nzandiko ziturutse ahandi, bakoresha ibyo binyoma ngo bemeze ko intumwa z'Abibumbye zije gusubiza abatware ba mbere mu myanya yabo ; biremamo udutsiko, bakazembagirana intwaro ngo bakange abahutu b'abahinzi ; babarebana agasuzuguro bavuga ko abatutsi bagiye kugaruka ku bwizimbe bwabo.

I Ruhunde, ku wa 5 marsi, abaturage birukana abatutsi ku musozi. Ibyo bisa no guca amarenga, maze ku wa 9 marsi, hagati y'isa kumi na moya n'isa yine ya mugitondo, abahutu ibihumbi n'ibihumbi birukana abatutsi bose bo muli ya masheferi uko ali atatu : Rukiga, Buberuka, Ndorwa; ibyabo barabyangiza.

Mu kwa novembri abahutu bo mu Ruhengeri bali barashenye barasahura, bakavuga ko babitegetswe n'umwami ; ubungubu ab'i Byumba bo bakavuga ko babikora mw'izina rya Leta.

Abategetsi ba Leta bamaze kubyumva bajya aho byabereye uwo munsi nyilizina, aliko byose byali byarangiye, bahuye na bamwe mu basahuzi bali barangije gusahura.

Batangiye ankete kugira ngo babone abagome b'ukuri, abateye iyo mpagarara. Bazajyanwa mu nkiko. Abasilikare barahali kugira ngo babuze uwasubiza intambara, kandi bashoboye kulinda sheferi z'i ruhande, aho inteko zimwe z'abasahuzi zali zashatse kujya.

Nongeye gusaba abanyarwanda bose kureka kwitabaza uburyo nk'ubwo kugira ngo batunganye ibibabaje. Hashize iminsi mike abetegeka imitwe y'amashyaka yose banditse itangazo rusange, babasaba kimwe n'icyo mbasaba ubu, kandi baca uburyo bwo gushotorana, gutera ubwoba no gushyira ah'amaboko.

Bamwe ndabasaba kureka gukwiza impuha zitera rubanda impagarara ; abandi ndabasaba guhama hamwe no kutishyira mu cyaha bitabaza amaboko.

Mu mezi make muzitorera abanyacyubahiro, na bo batore ibisonga byanyu. Iryo tora lizabaha abanyacyubahiro b'ingirakamaro, ni bo bazatunganya ibibabaje, bafatanyije n'abategetsi babarera.

Iryo tora lizaha inzego zose z'abaturage kubona abazihagararira, bazavugana ibisubizo bikwiranye n'ibibazo biliho.. Buli muntu afite uburenganzira bwo kubaho, kurwanira ibitekerezo bye, no kubibwira abo badahuje. Ni byiza kandi ko abadahuje ibitekerezo bajya impaka kugira ngo bahurire ku ñgingo zimwe. Ntibizahuzwa no gutera ubwoba, gukangisha cyangwa gushyira ah'amaboko, ibyo bitera rubanda ibitekerezo byo kwihôrera cyangwa byo kutimara agahinda, byo kwiheba cyangwa kugira ubwoba.

Kigali, ku wa 21 marsi 1960

**Résident Spécial**

**Colonel BEM LOGIEST.**